D3 Culture 212

GORILA Creations

1998

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE, DES SPORTS, DE LA CULTURE ET DE LA FORMATION PROFESSIONNELLE
DIRECTION DE LA CULTURE ET DES ARTS
B.P. 1044 KIGALI
TEL : 8 35 27
FAX : 8 35 18.

**FICHE DE TRANSMISSION :**

DESTINATAIRE S/ Bernadette ou Eléonore

EXPEDITEUR DCA

| | |
|---|---|
| Tel que demandé | Pour votre approbation |
| Faire le nécessaire | Pour votre information |
| Signer et me retourner | Noter et me voir |
| Préparer une réponse | Noter et classer |
| Pour suite à donner | Suite à votre demande |
| Pour votre signature | Confidentiel |

Commentaires/Observations/Message

1) Ouvrir un nouveau dossier intitulé « PARTENARIAT CULTUREL / SOCIETE CIVILE »

2) Verser ce dossier ici

Date 23/4/98 Signature [signature]

GENERAL ORGANIZATION & LABEL CREATIONS
GORILA CREATIONS s.a.r.l.
Rue des Coopératives - B.P. 1530 KIGALI - Fax: (250) 785 75

Kigali, 06 /02/1998

Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Urubyiruko,
Siporo,Umuco n'Imyuga iciriritse
K I G A L I

3 niveaux | 3 rôles
La Guerre & Amg: Seka
Arts · Kanaliza.

Nyakubahwa Bwana Minisitiri,

Tunejejwe no kubandikira kugira ngo tubamanyeshe ko mu ntego za Sosiyete yacu "GORILA CREATIONS s.a.r.l." harimo:

- Gutegura ibirori mu rwego rwa sport n'umuco (organisation d'événements sportifs et culturels);
- Ubuhanzi mu bijyana n'ibirori, ubugeni na mode (créations dans les domaines du spectacle, art et mode),
- Kwamamaza ibintu n'ibikorwa (publicité),

Tumaze kubona ko mu Rwanda hari abari n'abategarugori bagomba kuba bafite impano mu kuririmba no mu gucuranga, ariko bakaba batabona uburyo bayigaragaza, twatangiye umushinga twise "ILIZA".
Kugira ngo icyo twifuza kigerweho, twasanze twakoresha irushanwa, tugaha urubuga Abanyarwandakazi, bakagaragaza impano mu birebana no guhimba muzika, kuririmba no gucuranga,

XAVERINE

Kubera izo mpamvu, twabasabaga uburenganzira bwo gutangiza icyo gikorwa mu gihugu. Hashyirwaho ibyiciro binyuranye muri iryo rushanwa, maze finale ikazaba hagati y'abantu batanu bazaba bashoboye kugera mu rwego rwa mbere, ibyo bigakorwa ku munsi w'Umwana w'Umunyafrika uzaba ku itariki ya 16/06/1998.

Turangije tubifuriza amahoro n'Umwaka mushya muhire wa 1998.

GORILA CREATIONS s.a.r.l.
KAYITESI Edith
Manager

GENERAL ORGANIZATION & LABEL CREATIONS
GORILA CREATIONS s.a.r.l.
B.P. 1236 KIGALI - Fax: 7.85.75 - B.P. 1236 KIGALI - R.C. N° A 1314/KIG

# ILIZA

**ILIZA** ni urubuga dushaka gushyirishaho kugira ngo bamwe mu banyarwandakazi bashobore kugaragaza impano bafite mu bijyana na muzika (musique), mu guhimba, kuririmba no gucuranga.

Umwuga wa muzika muri ibyo byiciro uko ari bitatu ushobora rwose gutuma umuntu abaho, ndetse akabaho neza. Abanyamuzika kandi bahesha ishema igihugu cyabo, bikanatuma kirushaho kumenyekana; ibyo bikoroshywa cyane cyane na radiyo, televiziyo, itangazamakuru n'ingendo abanyamuzika bakora mu bihugu by'amahanga.

Kugeza ubu, igihugu cyacu nta bantu nk'abo cyakunze kugira, n'abo gifite, biganjemo ab'igitsina gabo, batazwi hirya y'imipaka y'u RWANDA. Nyamara twe turareba tukabona u RWANDA rushobora kuba rufite abanyamuzika batazwi, bibereye aho baryamanye ubuhanga, ariko wenda nabo batabizi.
Mu nshingano za Sosiyete **GORILA CREATIONS** s.a.r.l. harimo:

- gutegura ibirori mu rwego rwa sport n'umuco (organisation d'événements sportifs et culturels);
- ubuhanzi mu bijyana n'ibirori, art na mode (créations dans les domaines de spectacles, art et mode)
- kwamamaza no kumenyekanisha (publicité).

Kubera ko Sosiyete yacu igizwe n'abategarugori gusa, twasanze twabanza kureba icyateza bagenzi bacu (abari n'abategarugori) imbere mu rwego rwa muzika. Wa mugani ngo "ujya gutera uburezi arabwibanza"! Ni aho ngaho igitecyerezo cya *ILIZA* cyavuye.
Mu ijambo "*ILIZA*" dushaka kuvuga ***ikintu cy'ibanze*** ariko tukazimirizamo na **KAMALIZA** wabaye umuririmbyikazi wo mu rwego rwo hejuru mu RWANDA,

agapfa tukimukeneye cyane, inganzo ye ikiri yose.

## Mu magambo make ILIZA yakorwa itya:

Habanza gushakwa abari n'abategarugori babyitabira mu gihugu cyose, bakaririmba, bagafatwa amajwi; hanyuma hakaba ihitamo ry'ibanze (présélection); hagasigara nk'abantu 10. Abo bantu icumi bagahita kuri radiyo mu gihe cyateganijwe, abantu bakabumva bihagije, abashatse bakajya bohereza cartes postales zo kubaheraho amanota. Byarangira, hagasigara abantu bageze kuri batanu, bakazaririmba mu cyumweru kibanziriza Umunsi w'Umuryango kw' Isi yose (Fête Mondiale de la Famille) uzaba ku itariki ya 15/05/1998, noneho kuri uwo munsi akaba ari ho haba finale itangazwamo umuririmbyi kazi wa mbere. Ubwo ILIZA, édition 1998 ikaba irangiye.

Twavuze ko muri ILIZA hazamo abari n'abategarugori, ariko ntibyabuza orchestre kuba irimo abasore cyangwa abagabo; icya ngombwa ni uko umuririmbyi wo ku isonga yaba ari umukobwa cyangwa umugore.

## ILIZA yategurwa ite?

- Fin Janvier 1998:
GORILA CREATIONS s.a.r.l. yareba Amashyirahamwe y'abagore bafatanya, nka Pro FEMMES Twese Hamwe, DUTERE IMBERE,... bagashaka na Radio Rwanda, bagahura, hagakorwa Comité d'organisation y' ILIZA.

- Février 1998: Gutangira akazi.
  .Gushyiraho amategeko agenga ILIZA
  . Gutangira gufata a majwi y'abakandida.

- Mars 1998:
  . Kurangiza préselection, hagasigara abantu cumi.
  . gushaka sponsoring mu masosiyete no muri za ONG

. gukora imyiteguro inyuranye: affiches, banderoles n'ibindi...

- Avril 1998:
Gukorera sélection (muri stade cyangwa muri salle, na Jury yashyizweho) , hagasigara abantu 5.

- Mai 1998: Iherezo.
Guhitamo umuririmbyi wa mbere agahabwa igihembo.

Turabona ari ngombwa kandi ko RADIO RWANDA (na TVR bishobotse) ishyirwa muri Comité d'organisation kugirango nayo igire uruhare mu guteza imbere muzika, izajye ibona n'indirimbo nyarwanda nshya zo kumvisha abantu. Kandi rero ni uburyo bwo kugirango ILIZA yoroherezwe ibiciro muri publicité, no mu kwamamaza abakandida.

==============